

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

ITEKA RYA PEREZIDA N°45/01 RYO KU WA 30/06/2015 RIGENA IMYITWARIRE MBONEZAMURIMO Y'ABAKOZI BA LETA

PRESIDENTIAL ORDER N°45/01 OF 30/06/2015 ESTABLISHING THE CODE OF PROFESSIONAL ETHICS FOR PUBLIC SERVANTS

ARRETE PRESIDENTIEL N°45/01 DU 30/06/2015 PORTANT CODE D'ETHIQUE PROFESSIONNELLE DES AGENTS DE L'ETAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DE MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mberere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Abagengwa n'iri teka

Article 2: Scope of application

Article 2: Champs d'Application

Article 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

UMUTWE WA II: AMAHAME Y'IMYITWARIRE KU MUKOZI WA LETA MU KAZI NO HANZE Y'AKAZI

CHAPTER II: PRINCIPLES OF CONDUCT FOR A PUBLIC SERVANT AT AND OUTSIDE THE WORKPLACE

CHAPITRE II: PRINCIPES DE CONDUITE DE L'AGENT DE L'ETAT AU TRAVAIL ET EN DEHORS DU TRAVAIL

Ingingo ya 4: Kubahiriza Itegeko Nshinga, andi mategeko na gahunda za Leta

Article 4: Compliance with the Constitution, other Laws and respect of Government Programs

Article 4 : Respect de la Constitution, des autres lois et des programmes de l'Etat

Ingingo ya 5: Kubazwa no gusobanura ibikorwa no kubaha inshingano

Article 5: Accountability

Article 5 : Responsabilité

Ingingo ya 6: Kutabogama no gushyira mu gaciro no gukorera mu mucyo

Article 6: Impartiality, objectivity and transparency

Article 6: Impartialité, objectivité et transparence

Ingingo ya 7: Ubunyangamugayo

Article 7: Decency and integrity

Article 7: Décence et intégrité

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

Ingingo ya 8: Kutihanganira ruswa, gusambanya ku gahato no guhoza undi ku nkeke hagambiriwe imibonano mpuzabitsina

Article 8: Zero tolerance to corruption, rape and sexual harassment

Article 8: Tolérance zéro pour la corruption, le viol et le harcèlement sexuel

UMUTWE WA III: IMYITWARIRE MU KAZI

CHAPTER III: CONDUCT AT WORKPLACE

CHAPITRE III: CONDUITE AU TRAVAIL

Icyiciro cya mbere: imyitwarire mbonezamurimo

Section One: Work Ethics

Section première: Conduite professionnelle

Ingingo ya 9: Kwitabira akazi

Article 9: Attendance to duty

Article 9: Présence au travail

Ingingo ya 10: Guha igihe agaciro no kugikoresha neza

Article 10: Time management and consciousness

Article 10: Valorisation et gestion du temps

Article 11: Gukorana ubwitange no gushyira imbere inyungu rusange

Article 11: Devotion and serving public interest

Article 11 : Dévouement et servir l'intérêt général

Ingingo ya 12: Gukora mu buryo buboneye umurimo

Article 12: Professionalism

Article 12: Professionnalisme

Ingingo ya 13: Kugira imikorere inoze no kugera ku musaruro

Article 13: Efficiency and effectiveness

Article 13 : Efficience et productivité

Ingingo ya 14: Kwakira no kwita ku bashaka serivisi

Article 14: Customer care

Article 14: Accueil des bénéficiaires du service

Ingingo ya 15: Gucunga neza umutungo

Article 15: Effective management of resources

Article 15: Gestion efficace des ressources

Ingingo ya 16: Guhanahana amakuru mu buryo butanga umusaruro

Article 16: Effective Communication

Article 16: Communication efficace

Ingingo ya 17: Ibanga ry'akazi

Article 17: Professional secrecy

Article 17: Secret et discrétion professionnels

Ingingo ya 18: Kudahagarika serivisi ya Leta

Article 18: Continuity of public service

Article 18: Continuité du service public

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

<u>Ingingo ya 19:</u> Imyambaro iboneye n'ikarita y'akazi	<u>Article 19:</u> Decent dressing and service card	<u>Article 19 :</u> Tenue vestimentaire convenable et carte de service
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imyitwarire iranga umukozi wa Leta imbere y'abagenerwa serivisi	<u>Section 2:</u> Ethics of a public servant vis-à-vis service beneficiaries	<u>Section 2:</u> Conduite d'un agent de l'Etat vis-à-vis des bénéficiaires du service
<u>Ingingo ya 20:</u> Imyitwarire imbere y'abagenerwa serivisi	<u>Article 20:</u> Relations to service beneficiaries	<u>Article 20 :</u> Relations avec les bénéficiaires du service
<u>Icyiciro cya 3:</u> Imyitwarire iranga umukozi wa Leta imbere y'abamuyobora	<u>Section 3:</u> Ethics of a public servant vis-à-vis supervisors	<u>Section 3:</u> Conduite d'un agent de l'Etat vis-à-vis de ses superviseurs
<u>Ingingo ya 21:</u> Imyitwarire ku bamuyobora mu kazi	<u>Article 21:</u> Relations to supervisors	<u>Article 21 :</u> Relations avec les superviseurs
<u>Icyiciro cya 4:</u> Imyitwarire iranga umukozi wa Leta imbere y'abo ashinzwe kuyobora	<u>Section 4:</u> Ethics of a public servant vis-à-vis subordinates	<u>Section 4:</u> Conduite d'un agent de l'Etat vis-à-vis de ses subalternes
<u>Ingingo ya 22:</u> Imyitwarire imbere y'abo umukozi ayobora	<u>Article 22:</u> Relations to subordinates	<u>Article 22:</u> Relations avec les subalternes
<u>Icyiciro cya 5:</u> Imyitwarire iranga umukozi wa Leta mu mikoranire na bagenzi be	<u>Section 5:</u> Ethics of a public servant vis-à-vis colleagues	<u>Section 5:</u> Conduite d'un agent de l'Etat envers les collègues de travail
<u>Ingingo ya 23:</u> Imyitwarire ku bo bakorana mu kazi	<u>Article 23:</u> Relations to colleagues	<u>Article 23 :</u> Relations avec les collègues de travail
<u>UMUTWE WA IV: KUTABANGIKANYA INYUNGU</u>	<u>CHAPTER IV: AVOIDING CONFLICT OF INTERESTS</u>	<u>CHAPITRE IV: EVITER LE CONFLIT D'INTERETS</u>
<u>Ingingo ya 24:</u> Kwirinda kubangikanya inyungu z'akazi n'inyungu bwite	<u>Article 24:</u> Avoiding conflict of g public and personal interests	<u>Article 24:</u> Eviter le conflit d'intérêts personnel et public
<u>Ingingo ya 25:</u> Impano	<u>Article 25:</u> Gifts	<u>Article 25:</u> Cadeaux

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

<u>Ingingo ya 26:</u> Imyifatire nyuma yo kuva mu kazi	<u>Article 26:</u> Conduct after service	<u>Article 26:</u> Comportement après service
<u>UMUTWE WA V:</u> INSHINGANO YO KUBAHIRIZA IMYITWARIRE MBONEZAMURIMO	<u>CHAPTER VI:</u> OBLIGATION TO RESPECT THE CODE OF ETHICS	<u>CHAPITRE V:</u> OBLIGATION D'OBSERVER LE CODE D'ETHIQUE
<u>Ingingo ya 27:</u> Kubahiriza ibikubiye muri iri teka	<u>Article 27:</u> Respect of this Code	<u>Article 27:</u> Respect du présent ce Code d'éthique
<u>Ingingo ya 28:</u> Ibihano	<u>Article 28:</u> Sanctions	<u>Article 28:</u> Sanctions
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO IZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 29:</u> Abashinzwe kubahiriza iri teka	<u>Article 29:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 29:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 30:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 30:</u> Repealing provision	<u>Article 30:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 31:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 31:</u> Commencement	<u>Article 31:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

ITEKA RYA PEREZIDA N°45/01 RYO KU WA 30/06/2015 RIGENA IMYITWARIRE MBONEZAMURIMO Y'ABAKOZI BA LETA

PRESIDENTIAL ORDER N°45/01 OF 30/06/2015 ESTABLISHING THE CODE OF PROFESSIONAL ETHICS FOR PUBLIC SERVANTS

ARRETE PRESIDENTIEL N°45/01 DU 30/06/2015 PORTANT CODE D'ETHIQUE PROFESSIONNELLE DES AGENTS DE L'ETAT

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 43, iya 112, iya 113, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 43, 112, 113, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, tel que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 43, 112, 113, 121 et 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 74;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 74 ;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 10/09/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its sessions of 10/09/2014;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 10/09/2014;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER :

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Iri teka rigena imyitwarire mbonezamurimo

This Order establishes the code of professional

Le présent arrêté porte code d'éthique

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

y'abakozi ba Leta.

Ingingo ya 2: Abagengwa n'iri teka

Iri teka rigenga Abakozi ba Leta uretse abagengwa n'amategeko yihariye y'imyitwarire.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **indonke:** impano itemewe umuntu asaba, asezeranywa, yakiriye, ahama ko ashobora gukoresha igitinyiro cyangwa ikimenyane, kugira ngo undi muntu abe yafata icyemezo, icyo gitinyiro cyangwa icyo kimenyane cyaragize icyo kigeraho cyangwa ntacyo cyagezeho mu byari bigambiriwe. Bisobanura kandi gukoresha nabi igitinyiro kugira ngo hafatwe icyemezo kimufitiye inyungu cyangwa ntihafatwe icyemezo kimubangamiye;
- 2° **imyitwarire mbonezamurimo:** imico n'imyitwarire myiza umukozi wa Leta akwiye kugaragaza kubera umurimo wa Leta akora. Iyo myitwarire igomba kumugaragaza ku kazi no hanze y'akazi;
- 3° **ugenerwa serivisi:** Umuntu uwo ari we wese waba aturutse mu rwego rwa Leta

ethics for public servants.

Article 2: Scope of application

This Order shall apply to public servants except those who are governed by special laws of professional ethics.

Article 3: Definitions

In this Order, the following terms shall mean:

- 1° **bribe:** any illegal benefit solicited, promised to get it or received by a person who affirms to exert an influence or acquaintance for another person to make a decision, whether the exerted influence or acquaintance produces expected results or not. It shall also mean the illegal exercise of authority to influence the decision that interests him/her or to deter the decision that affects him/her;
- 2° **professional ethics:** good morals, attitudes and behavior that characterize a professional public servant as a holder of public trust. Such conduct must characterize him/her at and outside workplace;
- 3° **service beneficiary:** any person from a public institution or not who seeks a public

professionnelle des agents de l'Etat.

Article 2: Champs d'Application

Le présent arrêté s'applique aux agents de l'Etat excepté ceux qui sont régis par des lois particulières en matière d'éthique.

Article 3: Définitions

Au sens du présent arrêté, les termes ci - après ont les significations suivantes:

- 1° **pot-de-vin:** toute gratification illégale sollicitée, reçue ou promise en affirmant être capable d'user de son autorité ou de ses relations pour influencer la décision d'une autre personne, que la gratification soit pour lui ou pour autrui, que son autorité ou ses relations aient produit ou non l'effet recherché. Il signifie aussi l'exercice de l'autorité pour influencer la décision qui l'intéresse ou pour décourager la prise de décision qui la désavantage;
- 2° **éthique professionnelle:** bonnes mœurs, attitudes et conduite qui caractérisent un agent de l'Etat en tant que personne nantie d'un emploi public. Cette conduite doit le caractériser au travail et en dehors du travail ;
- 3° **bénéficiaire du service:** une personne provenant de l'institution publique ou

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

cyangwa hanze yarwo uganyye umukozi wa Leta kugira ngo agenerwe serivisi.

service from a public servant.

non, s'adressant à l'agent de l'Etat dans le cadre d'obtenir un service publique.

UMUTWE WA II: AMAHAME Y'IMYITWARIRE KU BAKOZI BA LETA MU KAZI NO HANZE Y'AKAZI

CHAPTER II: PRINCIPLES OF CONDUCT FOR A PUBLIC SERVANT AT AND OUTSIDE WORKPLACE

CHAPITRE II: PRINCIPES DE CONDUITE DES AGENTS DE L'ETAT AU TRAVAIL ET EN DEHORS DU TRAVAIL

Ingingo ya 4: Kubahiriza Itegeko Nshinga, andi mategeko na gahunda za Leta

Article 4: Compliance with the Constitution other Laws and Government Programs

Article 4: Respect de la Constitution, des autres lois et des programmes de l'Etat

Umukozi wa Leta agomba kubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko kandi yubaha inzego za Leta.

A public servant must always respect the Constitution, other laws and public institutions.

L'agent de l'Etat doit respecter la Constitution et les autres Lois ainsi que les Institutions Publiques.

Umukozi wa Leta agomba kandi kubahiriza gahunda na porogaramu za Leta, haba ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'ibanze.

A public servant must also respect policies and programs of the Government, both at national and local levels.

L'agent de l'Etat doit également respecter des programmes de l'Etat, qui se déroulent au niveau national ou au niveau des instances de base.

Mu gihe umukozi wa Leta ari mu mahugurwa cyangwa mu butumwa bw'akazi hanze y'Igihugu agomba kwihatira gutuma isura y'u Rwanda ikomeza kuba nziza yirinda kunyuranya n'amategeko, umuco n'imigenzo by'Igihugu cyamwakiriye.

While a public servant on official training or mission abroad, he/she must safeguard good image of Rwanda and refrain from acting contrary to the laws, customs and traditions of the host country.

Lorsque l'agent de l'Etat est en formation ou en mission à l'étranger, il doit sauvegarder l'image du Rwanda et s'abstenir de transgresser aux lois et traditions du pays qui l'a accueilli.

Ingingo ya 5: Kubazwa no gusobanura ibikorwa

Article 5: Accountability

Article 5: Responsabilité

Umukozi wa Leta yemera kandi akagira ishema ry'inshingano ze. Agomba we ubwe kumva ko inshingano ashinzwe ari we zireba mbere na mbere, kandi igihe abisabwe, agomba gusobanura impamvu y'ibyemezo yafashe, ibyo yakoze n'ibyo atakoze bimureba.

A public servant shall accept and be proud of his/her responsibilities. He/she must be personally responsible for his/her actions or inactions and must always provide explanations when called upon to give reasons for the decisions or actions he/she has taken.

L'agent de l'Etat accepte ses responsabilités et doit en être fier. Il est personnellement responsable de ses actions et omissions et doit, en cas de demande, donner des explications pour l'acte posé, la décision prise ou l'inaction.

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

Umukozi wa Leta yirinda kuba nyamujiyobijya, ari byo kutagira uruhare rwe, gukurikira iby'abandi buri gihe. Byaba byiza, byaba bibi, agakurikira, adashishoza ngo akore igishingiye ku cyemezo cye.

Umukozi wa Leta agomba kandi kudaterera iyo agafata igihe cyo gukurikirana ibyo yatangiye gukora cyangwa yakoze ashira mu bikorwa amabwiriza yahawe. Mbere yo gufata icyemezo, agomba kubanza gusesengura, agatekereza ku ngaruka z'icyo cyemezo.

Ingingo ya 6: Kutabogama no gushyira mu gaciro no gukorera mu mucyo

Umukozi wa Leta agomba gufata kimwe abamugana n'abo bakorana mu buryo bunyuzemo mu mucyo kandi butarimo amarangamutima, nta vangura rishingiye ku gitsina, uruhu rw'umubiri cyangwa ubwoko, aho umuntu aturuka, imyemerere y'iyobokamana, umutwe wa politiki cyangwa ikindi kintu cyose cy'ivangura.

Mu gihe cy'amahitamo, umukozi wa Leta agendera gusa ku cyo umuntu akwiye kubera ubushobozi bwemewe n'amategeko. Agomba kandi kurangwa n'ukuri n'umucyo mu byemezo afata.

Ingingo ya 7: Ubunyangamugayo

Umukozi wa Leta agomba kuba inyangamugayo kandi akiyubaha, yitwara mu buryo bwubahiriza

A public servant shall avoid to be a rubberstamp, which means a person who does not have principles, always follows decisions of others, and follows whatever is appropriate or not; makes no analysis to make his/her own decision.

A public servant must also be a careful person by making follow up over undertakings and implementation of instructions. Before taking a decision, he/she must make analysis and consider such decision consequences.

Article 6: Impartiality, objectivity and transparency

A public servant shall treat all persons he/she interact with in a fair and unbiased manner, regardless of gender, race or ethnic group, origin, religion, political affiliation or any other ground of discrimination.

A public servant shall make choices based solely on merit. He/she shall also be honest and as open as possible about all the decisions and actions he/she takes.

Article 7: Decency and integrity

A public servant must present himself / herself in a respectable manner that generally conforms to

L'agent de l'Etat se prévient d'être un béni-oui-oui qui signifie une personne qui ne donne aucune contribution mais ne fait que suivre les décisions des autres, qu'elles soient bonnes ou mauvaises, sans pouvoir faire sa propre analyse pour agir.

L'agent de l'Etat doit aussi être appliqué au travail en faisant le suivi de ce qu'il a commencé et de ce qu'il exécute suite aux instructions. Avant de prendre toute décision, il doit réfléchir en tenant compte des conséquences.

Article 6: Impartialité, objectivité et transparence

L'agent de l'Etat doit servir toute personne qui a besoin de lui de façon équitable et juste, sans discrimination basée sur le sexe, la race ou l'ethnie, la religion, l'appartenance politique ou toute autre forme de discrimination.

Dans la situation de choisir, l'agent de l'Etat se base sur le principe de la méritocratie. Il doit être honnête et franc dans toutes les décisions qu'il prend.

Article 7: Décence et intégrité

L'agent de l'Etat doit se comporter avec respect et de façon qui n'outrage pas aux bonnes mœurs

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

imyifatire myiza isabwa n'umuco nyarwanda, nko kwirinda uburaya, ubusinzi, kubeshya, gushotorana, gusebanya no kutubaha abakuru.

Umukozi wa Leta agomba kwirinda igikorwa cyose cyo kwiha ububasha ku mirimo itari iye cyangwa kwambara umwambaro atagenewe agamije kuyobya rubanda, cyangwa abikora mu buryo bubangamiye inyungu rusange.

Ingingo ya 8: Kutihanganira ruswa, gusambanya ku gahato no guhoza undi ku nkeke hagambiriwe imibonano mpuzabitsina

Umukozi wa Leta agomba kwirinda igikorwa kiganisha kuri ruswa cyangwa indonke haba mu rwego rw'akazi ndetse n'ahandi hose. Agomba kumenyesha umuyobozi ubifitiye ububasha amakosa yamenye ajyanye na ruswa cyangwa indonke.

Umukozi wa Leta agomba kwirinda igikorwa cyose cyatuma undi muntu akora imibonano mpuzabitsina bidaturutse ku bushake bwe kubera gukoresha imbaraga, amabwiriza, ibikangisho cyangwa uburiganya. Agomba kandi kwirinda igikorwa icyo ari cyo cyose cyahoza umuntu ku nkeke hagamijwe kwishimisha bishingiye ku gitsina.

morally accepted standards and values of Rwandan society such as avoidance of prostitution, drunkenness, telling lies, provocation, defamation and contempt against a superior.

A public servant must refrain from any form of abuse of position or usurpation of duties, titles or uniform with intent to mislead the public or on detriment of public interest.

Article 8: Zero tolerance to corruption, rape and sexual harassment

A public servant must refrain from any act of corruption and bribery in his/her service and elsewhere. He/she must report to the competent authority any incident of corruption or bribery.

A public servant must always avoid any act that may cause another person to engage in a non-consensual sexual intercourse by using force, order, threat or trickery. He/she must avoid any harassment for the purposes of his/her sexual pleasure.

de la société rwandaise. Dans ce sens, il s'abstient de la prostitution, l'ivresse, mensonges, diffamation et de l'arrogance à l'égard du supérieur.

L'agent de l'Etat doit s'abstenir de tout acte d'usurper une fonction, titre ou uniforme aux fins de tromper le public ou au détriment de l'intérêt général.

Article 8: Tolérance zéro pour la corruption, le viol et le harcèlement sexuel

L'agent de l'Etat doit s'abstenir de tout acte de corruption ou proposition ou réception de pot-de-vin dans le cadre du travail ou en dehors du travail. Il doit signaler à l'autorité compétente tout cas de corruption ou pot-de-vin à sa connaissance.

L'agent de l'Etat doit s'abstenir de tout acte susceptible de causer à une autre personne de s'engager dans le rapport sexuel non consenti par l'usage de la force, des instructions, de menaces ou ruse. Il doit se garder aussi de toute sorte de harcèlement avec intention de satisfaire ses besoins sexuels.

UMUTWE WA III: IMYITWARIRE MU KAZI

CHAPTER III: CONDUCT AT WORKPLACE

CHAPITRE III: CONDUITE AU TRAVAIL

Icyiciro cya mbere: imyitwarire mbonezamurimo

Section One: Work ethics

Section première: Conduite professionnelle

Ingingo ya 9: Kwitabira akazi

Article 9: Attendance to duty

Article 9: Présence au travail

Umukozi wa Leta agomba kuba ku kazi mu minsi no mu masaha y'akazi ateganyijwe n'amategeko.

A public servant must be at work during the working days and hours provided by the laws.

L'agent de l'Etat doit être présent au travail pendant les jours et aux heures de travail fixé par les lois.

Umukozi wa Leta ntagomba gucyerererwa inama z'akazi cyangwa kuza ku kazi acyerewe adafite impamvu zumvikana zabiteye kandi yamenyesheje hakiri kare.

A public servant must not come late to office meeting or office functions without reasonable and timely communicated reason.

L'agent de l'Etat ne doit pas venir en retard aux réunions de travail ou au travail sans excuse raisonnable préalablement communiqué.

Umukozi wa Leta agomba kubanza gusaba no kubona uruhushya rw'umuyobozi we mbere yo gusiba akazi.

A public servant must first seek and obtain permission from his/her supervisor to be absent from duty.

L'agent de l'Etat doit demander une autorisation à son supérieur pour s'absenter au travail.

Ingingo ya 10: Guha igihe agaciro no kugikoresha neza

Article 10: Time management and consciousness

Article 10: Valorisation et gestion du temps

Umukozi wa Leta agomba gukoresha amasaha yagenewe akazi mu mirimo y'akazi. Agomba kugira umuhate wo kugera ku musaruro no kurangiza mu gihe cya vuba gishoboka dosiye z'akazi ziri mu nshingano ze.

A public servant shall always use working hours for official duties. He/shall strive to be results oriented in performance of duties and endeavor to promptly finalize files under his/her responsibility.

L'agent de l'Etat doit réserver les heures de travail aux obligations officielles. Il s'applique à produire des résultats dans le cadre de son travail et à finaliser aussi tôt que possible les dossiers en sa possession.

Umukozi wa Leta agomba kwirinda imyitwarire yose ibangamira akazi ke cyangwa akazi k'abo bakorana nko:

A public servant must desist from engaging in behavior that disrupts with his/her work or other workmates, such as:

L'agent de l'Etat doit s'abstenir de se comporter de façon qui perturbe son travail ou celui de ses collègues, comme :

1° guhora buri gihe yisomera ibinyamakuru,

1° reading newspapers at all times, keeping the

1° lire les journaux tous le temps, écouter la

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

kuvuza iradiyo cyane, gukina imikino yo ku mashini cyangwa kwirirwa kuri interineti mu biteshamwanya;	radio on higher volume, plating computers games or surfing the internet irresponsibly;	radio avec un grand volume, jouer des jeux sur son ordinateur ou surfer sur l'internet de façon irresponsable ;
2° gukora gahunda ze bwite mu masaha y'akazi;	2° transacting private business during office hours;	2° s'occuper de ses affaires privées pendant les heures de travail;
3° kubara inkuru zitari iz'akazi mu masaha y'akazi;	3° engaging in private conversation and gossip during working hours;	3° engager des débats privés et bavarder pendant les heures de travail ;
4° gusakuza mu biro no mu birongozi mu masaha y'akazi.	4° making noise in the offices and corridors during working hours.	4° faire du bruit dans les bureaux et les corridors pendant les heures de travail.

Article 11: Gukorana ubwitange no gushyira imbere inyungu rusange

Umukozi wa Leta agomba gukorana umurava n'ubwitange imirimo ashinzwe. Ntagomba gushyira imbere inyungu ze imbere y'inyungu rusange kandi ntagomba gufata icyemezo ku mpamvu z'inyungu ze.

Ingingo ya 12: Gukora mu buryo buboneye umurimo

Umukozi wa Leta agomba gukurikiza no guhorana imikorere myiza yubahiriza amahame mbonezamurimo, bituma agera ku musaruro mwiza mu byo ashinzwe, akoresha mu mirimo ye ubumenyi n'ubushobozi bibereye umurimo kandi akarangwa n'imyitwarire iwunogeye.

Article 11: Devotion and serving the public interest

A public servant must be devoted to the public service. He/she shall not put his/her own interest before the public interest and should not take decisions in order to gain financial and other personal benefits.

Article 12: Professionalism

A public servant must respect and uphold all norms and standards of good performance of duties and responsibilities he/she is entrusted with by applying the required skills, competences and good character.

Article 11 : Dévouement et servir l'intérêt général

L'agent de l'Etat doit servir la fonction publique avec dévouement. Il ne doit pas avancer ses propres intérêts avant l'intérêt général et ne doit pas prendre des décisions aux fins d'obtenir des intérêts financiers ou d'autres avantages personnels.

Article 12 : Professionnalisme

L'agent de l'Etat doit respecter et maintenir les normes et standards de bonne performance aux tâches et responsabilités qu'il a, en appliquant la science, compétences et bonne conduite exigées.

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

Ingingo ya 13: Imikorere inoze no kugera ku musaruro

Umukozi wa Leta agomba gukoresha neza umutungo wa Leta yirinda kuwusesagura kandi akawitaho mu rwego rwo kugeza urwego ku nshingano zarwo.

Umukozi wa Leta agomba gukora atanga serivisi inoze kandi agera ku musaruro uteganyijwe mu buryo bw'imibare n'ireme ryagenwe hashingiwe ku mahame y'isuzumabushobozi.

Ingingo ya 14: Kwakira no kwita ku bashaka serivisi

Umukozi wa Leta agomba kwakira abamugana neza kandi abitayeho, ku buryo bwihuse, mu cyubahiro kandi mu buryo bwerekana isura nziza y'urwego akorerwa.

Umukozi wa Leta agomba:

- 1° kwakira abamugana neza kandi abishimiye;
- 2° gutanga serivizi ku bo zigenewe bose ku buryo bungana;
- 3° gugaragariza ikinyabupfura, icyubahiro no kwita ku bamugana yita cyane cyane ku babana n'ubumuga, abantu bashaje, abarwayi n'abagore batwite;

Article 13: Efficiency and effectiveness

A public servant must make optimum use of resources to achieve the objectives of the institution.

A public servant must strive to achieve the intended results in terms of quality and quantity in accordance with set targets and performance standards set for service delivery.

Article 14: Customer care

A public servant must receive and serve service beneficiaries with a warm welcome, promptness, respect and good manners with a view to ensuring service beneficiary satisfaction and enhancing the image of his/her Institution.

A public servant must:

- 1° serve every service beneficiary in kind manner;
- 2° serve all beneficiaries of services equally;
- 3° manifest courtesy, empathy and fairness to all service beneficiaries with special attention to persons with disabilities, the old persons, sick and expectant mothers;

Article 13 : Efficience et productivité

L'agent de l'Etat doit utiliser de façon optimale les ressources de l'Etat pour atteindre les objectifs fixés par l'institution.

L'agent de l'Etat doit atteindre les résultats fixés quantitativement et qualitativement conformément aux objectifs et standards de performance établis pour la livraison des services.

Article 14: Accueil des bénéficiaires du service

L'agent de l'Etat doit accueillir et servir les bénéficiaires du service chaleureusement avec rapidité, respect et bonne manière pour assurer leur satisfaction et sauvegarder l'image de son Institution.

L'agent de l'Etat doit:

- 1° servir chaque bénéficiaire de façon vive et agréablement;
- 2° servir tous les bénéficiaires des services de façon égale;
- 3° manifester la courtoisie, l'empathie et l'impartialité envers les bénéficiaires avec une attention spéciale aux personnes âgées, personnes handicapées, malades et femmes enceintes;

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

4° gukorana n'abandi, asaba inama aho biri ngombwa, mu gutanga serivisi nziza kandi zinoze.

4° uphold teamwork by making consultations where necessary, to promote service delivery.

4° travailler en équipe en faisant des consultations en cas de besoin, pour promouvoir la qualité des services délivrés.

Ingingo ya 15: Gucunga neza umutungo

Article 15: Effective management of resources

Article 15: Gestion efficace des ressources

Umukozi wa Leta acunga neza kandi akarebwa n'umutungo uri mu nshingano ze ku buryo bukurikira:

A public servant shall be accountable for all resources under his/ her competence as follows:

L'agent de l'Etat est responsable des ressources dont il est en charge comme suit:

1° Mu birebana n'icungwa ry'umutungo w'amafaranga n'ibikoresho, umukozi wa Leta agomba:

1° As regards financial and property management, a public servant must:

1° En ce qui concerne la gestion des finances et du matériel, l'agent de l'Etat doit:

a. kwita ku ikorehwa ry'umutungo mu bifite akamaro hitabwa ku gaciro k'amafaranga;

a. ensure proper utilisation of public funds and value for money;

a. assure la bonne utilisation des fonds en tenant compte d'un meilleur rapport qualité-prix;

b. kubungabunga ibikoresho bya Leta yifashisha cyangwa ashinzwe kandi agakurikirana ko bitangirika, bidatakara cyangwa ngo bikoreshwe nabi.

b. safeguard public assets entrusted to him or her and ensure that no damage, loss or misuse occurs.

b. sauvegarder les biens publics en sa possession et veiller à ce qu'il ne soit pas endommagé, perdu ou mal utilisé.

2° Mu birebana n'icungwa ry'abakozi, umukozi wa Leta agomba:

2° As regards human resources management, a public servant must:

2° En ce qui concerne la gestion des ressources humaines, l'agent de l'Etat doit:

a. gukurikirana ko Abakozi ayobora basobanukirwa neza kandi bakurikiza ibyo basabwa ku myanya y'imirimo yabo kandi ko bumva aho ububasha bwabo buva bukagera;

a. ensure that staff under his/her supervision understand well and comply with their job descriptions and understand the scope of their work;

a. veiller à ce que les agents qu'il supervise comprennent bien et se conforment à leur description des tâches et l'étendue de leurs compétences;

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

b. gufasha abakozi ayobora kuzamura ubumenyi n'ubushobozi byabo no kwiteza imbere mu rwego rw'akazi;

c. kubaha no kubahisha abakozi ayobora.

b. support all staff under his/her supervision to enhance their competencies and professional self-development;

c. ensure respect for his/her subordinates.

b. assister les agents qu'il supervise dans le renforcement de leur capacités et leur développement professionnel;

c. assurer le respect des agents qu'il supervise.

Ingingo ya 16: Guhanahana amakuru mu buryo butanga umusaruro

Umukozi wa Leta agomba guhanahana amakuru n'abo bakorana, mu rwego rwo guteza imbere imyumvire imwe mu mirimo bakora.

Umukozi wa Leta agomba kandi guhita amenyekanisha uwamutumye imigendekere y'inama yahagarariyemo urwego akorera.

Article 16: Effective Communication

A public servant shall ensure effective and consistent communication with his/her colleagues and his/her superiors in a bid to promote the organizational efficiency.

A public servant must report to his/her supervisor about the meeting proceedings in which he/she represented his/her institution.

Article 16: Communication efficace

L'agent de l'Etat doit faire preuve d'une communication consistante avec ses collègues et ses supérieurs en vue de promouvoir le fonctionnement de son institution de travail.

L'agent de l'Etat doit donner rapport à propos de la réunion à laquelle il a représenté son institution.

Ingingo ya 17: Ibanga ry'akazi

Umukozi wa Leta, agomba:

1° kugira ibanga ry'amakuru yamenyeye ku kazi nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga;

2° kudatangaza amakuru y'akazi mu nyandiko, igitabo, gukora filime cyangwa ibindi yakoresha atabihereye uruhushya n'Umuyobozi umukuriye.

Article 17: Professional secrecy

A public servant must:

1° keep secret information gained during the course of his/her duty in the Public Service in accordance with applicable laws;

2° not publish any official information in any document, article, book, play, film or otherwise without explicit permission from the superior.

Article 17: Secret et discrétion professionnels

L'agent de l'Etat doit:

1° garder secrètes des informations qu'il a apprises au cours de ses fonctions dans la fonction publique conformément aux lois applicables ;

2° ne pas rendre public des informations ou des documents, articles, livres, faire des films ou autre chose sans avoir une autorisation du supérieur hiérarchique.

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

Ingingo ya 18: Kudahagarika serivisi ya Leta

Umukozi wa Leta ufite impamvu ituma ataba mu kazi byaba ari ukubera kujya mu kiruhuko, mu butumwa, mu mahugurwa, guhagarika akazi by'agateganya cyangwa kuva mu kazi, cyangwa indi mpamvu; agomba gusiga ahererekanyije ububasha n'undi mukozi wa Leta bikemezwa n'umuyobozi ubakuriye, kugira ngo serivisi itangwa n'umukozi udahari idahagarara cyangwa ngo ibe ya genda nabi kubera ko nyir'ubwite adahari.

Umukozi wa Leta wagenewe ububasha bwo gukora inshingano z'undi, agomba kuzikora neza atanga serivisi izishingiyeho nk'uko bisanzwe.

Ingingo ya 19: Imyambaro iboneye n'ikarita y'akazi

Umukozi wa Leta mu kazi agomba kurangwa n'imyambaro iboneye kandi agomba guhora yambaye ikarita y'akazi.

Mu gihe akazi akora kamusaba kwambara imyambaro isa, umukozi wa Leta agomba kubyubahiriza.

Icyiciro cya 2: Imyitwarire iranga umukozi wa Leta imbere y'abagenerwa serivisi

Ingingo ya 20: Imyitwarire imbere y'abagenerwa serivisi

Imbere y'abamugana, umukozi wa Leta agomba:

Article 18: Continuity of public service

A public servant ordered or intending to be out of office for leave, mission, training, suspension, termination of employment or any other reason shall before his/her departure, transfer any pending matter to another public servant as may be approved by his/her supervisor, to ensure that public service is continuously delivered without loss or interruption caused by his/her absence.

A public servant taking over responsibilities must ensure good performance of functions taken over and deliver related services as usual.

Article 19: Decent dressing and service card

At the work place, a public servant must dress in a decent manner and always wear his/her service card.

Where she/he is employed in a uniformed service, a public servant must wear the uniform during working hours.

Section 2: Ethics of a public servant vis-à-vis service beneficiaries

Article 20: Relations to service beneficiaries

Vis-à-vis service beneficiaries, a public servant

Article 18: Continuité du service public

L'agent de l'Etat qui va s'absenter au travail pour une raison quelconque, que ce soit à cause de congé, mission, formation, suspension du travail, cessation de travail ou une autre raison, doit avant son départ, faire une remise des fonctions à un autre agent de l'Etat sur approbation de leur supérieur, en sorte que le service public continue sans perte ou interruption causée par l'absence d'un agent de l'Etat.

L'agent de l'Etat qui a repris les fonctions doit bien exécuter les tâches y relatives en rendant des services au public à la normal.

Article 19 : Tenue vestimentaire convenable et carte de service

L'agent de l'Etat au travail doit être en tenue vestimentaire convenable, et doit aussi porter une carte de service.

Lorsqu'il est employé dans un service requérant l'uniforme, l'agent de l'Etat doit la porter au travail.

Section 2: Conduite d'un agent de l'Etat vis-à-vis des bénéficiaires du service

Article 20 : Relations avec les bénéficiaires du service

Vis-à-vis les bénéficiaires du service, l'agent de

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

	must:	l'Etat doit :
1° gusubiza ibibazo byose abazwa n'abamugana ku buryo bwihuse kandi bwumvikana. Amadosiye agomba gusubizwa mu gihe cy'iminsi igenwa n'urwego akorera;	1° respond with promptness and clarity to questions and requests addressed to him/her. Files must be finalized within the timeframe fixed by his/her institution;	1° répondre rapidement et clairement à toutes les questions et requêtes qui lui sont adressées en respectant le temps fixé. Les dossiers doivent être traités dans un délai fixé par son institution;
2° kwitwara ku buryo bushimangira icyizere abagana inzego bafitiye Leta;	2° conduct him/her in a manner that maintains the trust of the public in state institutions;	2° se comporter de manière à maintenir la confiance que la population a envers l'Etat ;
3° kugaragaza ikinyabupfura mu gusubiza kuri telefoni agafasha umuhamagaye aho bidashoboka agatanga numero y'ushoboye gukemura ikibazo yashyikirijwe;	3° answer politely telephone calls and help the caller or direct him/her to the competent agent if he/she is not competent to answer the query;	3° répondre avec politesse aux appels téléphoniques et aider celui qui a appelé ou lui trouver le numéro de téléphone de l'autorité compétente si il n'est pas compétent pour répondre aux questions;
4° iyo ukeneye serivise ahari, umukozi agomba guhagarika telefoni mu kinyabupfura cyangwa ibindi umukozi arimo akabanza akakira umugana.	4° when a service beneficiary is present, the priority of the public servant should be to serve him/her and should politely interrupt any phone calls or other occupations.	4° en cas de présence d'un bénéficiaire de service, la priorité doit être lui rendre service et interrompre avec politesse tout appel téléphonique ou d'autres occupations.

Icyiciro cya 3: Imyitwarire iranga umukozi wa Leta imbere y'abamuyobora

Section 3: Ethics of a public servant vis-à-vis supervisors

Section 3: Conduite d'un agent de l'Etat vis-à-vis de ses superviseurs

Ingingo ya 21: Imyitwarire ku bamuyobora mu kazi

Article 21: Relations to supervisors

Article 21 : Relations avec les superviseurs

Imbere y'abamukuriye mu kazi, umukozi wa Leta agomba:

Vis-à-vis his/her supervisors, a public servant must:

A l'égard de ses superviseurs, l'agent de l'Etat doit :

1° kurangwa n'ikinyabupfura;

1° profess discipline and respect;

1° faire preuve de discipline ;

2° gushyira mu bikorwa inshingano ze agendeye ku mabwiriza ahawe n'umukuriye

2° perform his/her duties according to the directions from the supervisor;

2° exécuter les tâches leur assignées selon les instructions du superviseur;

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

- | | | |
|--|--|--|
| mu kazi;
3° kwibwiriza mu nshingano yahawe no kuganira n'umukuriye ku byo yibwirije; | 3° take initiatives falling under the scope of his/her onus and discuss them with supervisors; | 3° avoir un esprit d'initiative dans ses responsabilités et parler avec son supérieur sur ces initiatives; |
| 4° kugisha inama umuyobora igihe ahuye n'umurimo ukomeye; | 4° consult with their supervisors in implementing challenging tasks; | 4° consulter son superviseur dans l'exécution des tâches difficiles; |
| 5° kumenyesha umuyobozi mushya mu kazi ku bikorwa biri gukorwa kugira ngo serivisi zidahagarara. | 5° inform the new supervisor about any pending matter for continuity of services. | 5° informer l'autorité nouvelle de supervision sur les dossiers en cours pour assurer la continuité de services. |

Icyiciro cya 4: Imyitwarire iranga umukozi wa Leta imbere y'abo ashinzwe kuyobora

Section 4: Ethics of a public servant vis-a-vis subordinates

Section 4: Conduite d'un agent de l'Etat vis-à-vis de ses subalternes

Ingingo ya 22: Imyitwarire imbere y'abo umukozi ayobora

Article 22: Relations to subordinates

Article 22 : Relations avec les subalternes

Imbere y'abo ayobora mu kazi, umukozi wa Leta agomba:

Vis-à-vis his/her subordinates, a public servant must:

A l'égard de ses subalternes, l'Agent de l'Etat doit :

- | | | |
|--|--|--|
| 1° kugaragaza urugero rwiza mu gukora ashishikaye no mu myitwarire myiza yubahiriza ibikubiye muri iri teka; | 1° give a good example by hardworking and exhibiting good conduct in accordance with the provisions of this Order; | 1° servir de bon exemple en travaillant dure et faire preuve de bonne conduite dans le respect des dispositions du présent arrêté; |
| 2° kumenya no kurengera uburenganzira bw'abo akuriye mu kazi; | 2° know and comply with or enforce the rights of his/her subordinates; | 2° connaître et respecter ou faire respecter les droits de ses subalternes; |
| 3° gukora ku buryo isuzumabushobozi ry'abo ayobora riba nta marangamutima; | 3° ensure objective assessment of his/her subordinates; | 3° évaluer objectivement la performance de ses subalternes; |
| 4° gufata kimwe abo ayobora mu bijyanye n'amahirwe yo koherezwa mu mahugurwa; | 4° offer his/her subordinates equal treatment and equal training opportunities; | 4° offrir à ses subalternes des mêmes opportunités de formation ; |
| 5° gubashishikariza abo ayobora gukora | 5° promote professionalism of his/her subordinates | 5° promouvoir le professionnalisme de ses |

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

imirimo yabo neza no kugira umuco wo kwibwiriza;

and motivate them to take initiative;

subalternes et les encourager à prendre des initiatives;

6° kugirana inama n'abo ayobora ku buryo buhoraho biga ku bibazo by'akazi.

6° call regular meetings with his/her subordinates to discuss work matters.

6° convoquer des réunions régulières avec ses subalternes pour discuter les affaires du travail.

Icyiciro cya 5: Imyitwarire iranga umukozi wa Leta mu mikoranire na bagenzi be

Section 5: Ethics of a public servant vis-à-vis colleagues

Section 5: Conduite d'un agent de l'Etat envers les collègues de travail

Ingingo ya 23: Imyitwarire ku bo bakorana mu kazi

Article 23: Relations to colleagues

Article 23: Relations avec les collègues de travail

Imbere y'abo bakorana ku kazi, umukozi wa Leta agomba:

Vis-à-vis his/her work colleagues, a public servant must:

Vis-à-vis de ses collègues de travail, l'agent de l'Etat doit :

1° kugaragaza ikinyabupfura n'ukuri adashingiye ku myemerere, igitsina, ubumuga, akarere cyangwa ikindi icyo ari cyo cyose;

1° behave politely and honestly regardless of their religion, sex, disabilities, region or any discriminatory ground;

1° se comporter avec politesse et honnêteté sans considération de religion, sexe, handicap, région ou tout autre motif discriminatoire;

2° kutabangamira bagenzi be mu kuzuza neza inshingano zabo;

2° not obstruct by any means the effectiveness of their colleagues;

2° ne pas être obstacle à l'efficacité de ses collègues au travail;

3° kutinjira mu buzima bwite bwabo;

3° not interfere with their private lives;

3° ne pas se mêler de leur vie privée ;

4° gutanga inkunga kubera ubumenyi n'uburambe afite mu kazi kuri bagenzi be bakorana cyangwa abaje bamugana.

4° offer his/her knowledge and experience, when asked by colleagues of the same or another service.

4° disponibiliser ses connaissances et expériences à la demande de ses collègues ou des agents de l'Etat venant d'autres services.

UMUTWE WA IV: KUTABANGIKANYA INYUNGU

Ingingo ya 24: Kwirinda kubangikanya inyungu z'akazi n'inyungu bwite

Umukozi wa Leta agomba:

- 1° kudashyirwa ku buryo buhoraho ku myanya y'imirimo ihoraho igengwa na sitati irenze umwe mu butegetsi bwa Leta;
- 2° kudakoresha umwanya afite mu guteza imbere inyungu ze bwite cyangwa iz'abantu bo mu muryango we, incuti ze, abo bafatany ubucuruze cyangwa bafitanye izindi nyungu;
- 3° kutitabira ibikorwa ibyo ari byo byose yaba abihemberwa cyangwa atabihemberwa binyuranyije n'inshingano ze nk'umukozi wa Leta cyangwa bishobora kumubangamira mu kazi ke nk'umukozi wa Leta.
- 4° kumenyesha umuyobozi we ku byo abona byatuma habaho ibangikana ry'inyungu.

Ingingo ya 25: Impano

Umukozi wa Leta ntiyemerewe gusaba cyangwa kwakira impano ahawe kubera umwanya arimo cyangwa akazi akora cyereka ku mpamvu zikurikira:

- 1° kurinda isura nziza y'Igihugu;

CHAPTER IV: AVOIDING CONFLICT OF INTERESTS

Article 24: Avoiding conflict of public and personal interests

A Public servant must:

- 1° not be permanently employed on two or more permanent job positions under statute in public service;
- 2° not use his/her position to advance his/her private interests or those of a family member, relative, friend, business associate, or organization with which she/he is affiliated or connected to through a relative;
- 3° not participate in paid or unpaid activity that may detract him/her from the judicious performance of his/ her official duties;
- 4° inform timely his/her superior a case likely to cause conflict of interest.

Article 25: Gifts

A public servant shall not solicit or accept any gift offered because of his/her official position, except for the following purposes:

- 1° safeguarding the good image of the

CHAPITRE IV: EVITER LE CONFLIT D'INTERETS

Article 24: Eviter le conflit d'intérêts personnel et public

L'agent de l'Etat doit:

- 1° ne pas occuper de façon permanente deux postes sous statuts dans la fonction publique ;
- 2° ne pas user de sa position pour promouvoir ses propres intérêts, ceux des membres de sa famille, de ses amis ou ses associés ;
- 3° ne pas participer dans des activités payées ou non, incompatibles avec ses fonctions entant qu'agent de l'Etat ou qui peuvent bloquer la performance de ses fonctions entant qu'agent de l'Etat;
- 4° informer son supérieur de toute situation de conflit d'intérêt.

Article 25: Cadeaux

L'Agent de l'Etat ne doit pas solliciter ou accepter un cadeau lui est offert à cause de son poste de travail, sauf pour les objectifs suivants :

- 1° sauvegarder la bonne image du Pays ;

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

Country;

2° kubahiriza no kubaha umuco w'Igihugu cy'amahanga;

2° adhering and respecting foreign culture;

2° respecter la culture d'un pays étranger ;

3° kwitura impano ahawe.

3° reciprocating the given offer;

3° dans le cadre de réciprocité d'un cadeau reçu;

Umukozi wakiriye impano ayishyikiriza iherekejwe n'inyandiko, Urwego akoramo. Urwego ruyakiriye rurayitanga cyangwa rukayikoresha hakurikijwe amategeko abigenga.

A public servant who receives a gift shall with a submission letter, deliver it to his/her working Institution. The Institution shall make transfer or use it in accordance with relevant laws.

L'agent de l'Etat qui a reçu un cadeau le remet à l'institution pour laquelle il travaille accompagné d'une lettre de transmission. L'institution qui le reçoit doit le transférer ou l'utiliser conformément aux lois applicables.

Iyo impano ari ibikoreshwa n'umuntu ku giti cye ishobora kugumanwa n'uwayihawe igihe yabyemerewe n'umuyobozi w'urwego akorera.

If the gift is meant for personal use, a public servant may keep it for him/herself upon approval of the head of his/her institution.

Lorsque le cadeau est d'usage personnel il peut rester en possession de l'agent qui l'a reçu après approbation du chef de l'institution.

Ingingo ya 26: Imyifatire nyuma yo kuva mu kazi

Article 26: Conduct after service

Article 26: Comportement après service

Umuntu wese wavuye mu kazi ka Leta agomba kurinda isura nziza y'ubutegetsi bwa Leta, ntagomba gushaka no kwakira amaronko avuye ku mwanya yahoranye mu Butegetsi bwa Leta.

Any person leaving public service shall keep safeguard good image of the public service and should not unduly benefit from his/her former status as public servant.

Toute personne qui quitte la fonction publique doit toujours sauvegarder la bonne image de la fonction publique. Il ne doit pas tirer indûment des avantages de ses fonctions antérieures d'agent de l'Etat.

Umuntu wese wavuye mu kazi ka Leta agomba kandi gukomeza kugira ibanga ry'akazi hakurikijwe amategeko abigenga.

Any person leaving public service shall keep professional secrecy in accordance with relevant laws.

Toute personne qui quitte la fonction publique doit garder le secret professionnel conformément à la loi en la matière.

**UMUTWE WA V: INSHINGANO YO
KUBAHIRIZA IMYITWARIRE
MBONEZAMURIMO**

**CHAPTER V: OBLIGATION TO RESPECT
THE CODE OF ETHICS**

**CHAPITRE V: OBLIGATION
D'OBSERVER LE CODE D'ETHIQUE**

Ingingo ya 27: Kubahiriza ibikubiye muri iri teka

Umukozi wese urebwa n'iri teka afite inshingano yo kubahiriza ibirikubiyemo igihe cyose.

Umukozi wa Leta afite uburenganzira bwo kutemera amabwiriza yahabwa n'umukuriye igihe ayo mabwiriza anyuranya ku buryo bugaragara n'ibikubiye muri iri teka. Agomba kandi guhita asobanurira umukuriye mu kazi, mu kinyabupfura, igitumye atemera ayo mabwiriza.

Mu gihe umukozi wa Leta akomeje gutegekwa n'umuyobozi gukora ibinyuranya n'iri teka, yirinda kubikora ahubwo agahita abimenyesha umuyobozi ukuriye uwamusabye gukora ibidakwiye.

Ingingo ya 28: Ibihano

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko mpanabyaha, umukozi wa Leta utubahirije ibiteganywa n'iri teka, ahanwa hakurikijwe ibiteganyijwe mu Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo guhana Abakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi.

Article 27: Respect of this Order

Every public servant governed by this Order, has the obligation to respect its provisions in all circumstances.

A public servant has the right to defy orders received from his/her superior authority if the orders constitute a manifest violation of this Order. He/she shall, in a polite manner and immediately, provide the superior with reasons as to why he/she is defying from those instructions.

Where a public servant is being forced or threatened to act in any way which is contrary to this Order shall refrain and report the matter to the next line manager.

Article 28: Sanctions

Without prejudice to the provisions of the penal code, a public servant who fails to abide by the provisions of this Order shall be punished in accordance with the provisions of the Presidential Order determining modalities of imposing disciplinary sanctions to public servants.

Article 27: Respect du présent arrêté

L'agent de l'Etat régis par ce code a, dans tous les cas, une obligation de respecter ses dispositions.

L'agent de l'Etat a le droit de ne pas accepter les ordres reçus du supérieur lorsque ces ordres sont manifestement contraires aux dispositions du présent arrêté. Il doit poliment et immédiatement expliquer à celui qui lui donne ces ordres les raisons du refus de ces ordres.

Lorsque l'agent de l'Etat est forcé ou menacé d'exécuter les ordres qui sont contraires aux dispositions du présent arrêté, il ne les exécute pas et le signale au superviseur hiérarchique de celui qui a donné les ordres.

Article 28: Sanctions

Sans préjudice des dispositions pénales en vigueur, l'agent de l'Etat qui a violé les dispositions du présent arrêté est sanctionné selon les dispositions de l'Arrêté Présidentiel portant modalités d'application du régime disciplinaire des agents de l'Etat.

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

UMUTWE WA VI: INGINGO IZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 29: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 29: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 29: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo bashinzwe kubahiriza iri teka.

The Prime Minister and the Minister of Public Service and Labour are responsible for the implementation of this Order.

Le Premier Ministre et le Ministre de la Fonction Publique et du Travail sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 30: Repealing provision

Article 30: Disposition abrogatoire

Ingingo zose zabanjirije iri teka kandi zinyuranye na ryo zivanweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 31: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 31: Commencement

Article 31: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **30/06/2015**

Kigali, on **30/06/2015**

Kigali, le **30/06/2015**

Official Gazette n° Special of 01/07/2015

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repbulika

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed by the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux